# IKINYAMAKURU INTWARARUMURI

NYAKANGA - UKUBOZA 2024

Unity Club

"Towards a common goal"




*Bafatanyabikorwa, Nshuti, Basomyi,*

Twishimiye kubagezaho amakuru y'ingenzi ku bikorwa byacu guhera muri Nyakanga kugeza mu Kuboza 2024. Ibikorwa tubamurikira muri iki kinyamakuru gito cyacu **“Intwararumuri”** bishingiye kuri gahunda y'ibikorwa bya Unity Club bigamije gukomeza kwimakaza Ubumwe bw'Abanyarwanda n'imibereho myiza yabo, byo nkingi y'amahoro n'iterambere birambye.

# IBIRIMO

**01** Ihuriro rya 17 rya Unity Club ..... **04**

**02** Urubuga rwa Ndi Umunyarwanda ..... **12**

**03** Ndi Umunyarwanda mu mashuri makuru na kaminuza ..... **13**

**04** Tubarere nk'uko batureze: Intwararumuri zizihije iminsi mikuru isoza umwaka n'Intwaza ..... **14**

**05** Umushinga wa ICDP ukomeje kuzamura iterambere ry'abaturanyi b'Impinganzima ya Huye! ..... **16**

**06** Ihame ry'ubudacyura igihe muri Unity Club ..... **18**

**07** Imyaka 28 mu rugendo rwo kubaka Ubumwe ..... **18**

**08** Ibikorwa by'ingenzi biri imbere ..... **19**

## 01 IHURIRO RYA 17 RYA UNITY CLUB

### Inteko rusange y'abanyamuryango ba Unity Club

Nk'uko biteganywa n'Amategeko Ngengamikorere y'Umuryango Unity Club, mu ingingo yayo ya 28, Inteko Rusange yateranye tariki 16/11/2024, muri Kigali Convention Centre (KCC), iyoborwa na Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club. Yitabiriwe n'abanyamuryango byuzuye (117) n'abanyamuryango bunganira (99) bose hamwe bangana na 216.

### Inteko Rusange yagejejweho inemeza:

1. Raporo y'ibikorwa by'ingenzi byagezweho byari biteganyijwe mu Igenamigambi y'imyaka 7 (2017-2024) irangiye
2. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho byari biteganyijwe mu Igenamigambi y'imyaka 7 (2017 - 2024) irangiye.
    - Kuzamura imibanire myiza y'abanyamuryango no kuzamura ubushobozi bw'Umuryango.
    - Gutanga umusanzu ku buryo bugaragara mu Kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda n'Imibereho myiza muri rusange.
    - Kwimakaza no kugeza ku baturage ibikorwa by'iterambere biri mu cyerekezo cya Unity Club binyuze mu mishinga itandukanye ishyirwa mu bikorwa.
    - Kwimakaza ubufatanye n'Izindi nzego zifite intego zimwe nk'iza Unity Club.
3. Gahunda y'Ibikorwa (Action Plan) by'Umwaka 2024-2025

### Inteko Rusange yakiriye Abanyamuryango bashya cumi n'icyenda (19)




*Abanyamuryango bashya bakiriwe mu Inama y'Inteko Rusange bari kumwe na Biro ya Unity Club KCC, 16 Ugushyingo 2024*




### Inteko Rusange yatoye Abayobozi bazayobora Umuryango mu myaka itatu iri imbere

Hashingiwe ku Mategeko Ngengamikorere y'Umuryango Unity Club no ku Itegeko n° 058/2024 ryo ku wa 20/06/2024 rigenga imiryango itari iya Leta, Inteko Rusange yatoye Abayobozi bazayobora Umuryango Unity Club mu myaka itatu (3) iri imbere.

### Abagize Inama y'ubuyobozi batorewe kuyobora Umuryango Unity Club

#### BIRO Y'INAMA YUBUYOBOZI


Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME
Umuyobozi Mukuru wa Unity Club


Madamu Marie Solange KAYISIRE
Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Mbere


Madamu Julienne UWACU
Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Kabiri


Madamu Régine IYAMUREMYE
Umunyamabanga Mukuru


Madamu Sylvie GAJU TWAGIRAYEZU
Umubitsi

#### KOMISIYO Y'IGENAMIGAMBI NO GUSHAKA IMARI


Madamu Mary ASHIMWE
Umuyobozi wa Komisiyo


Madamu Soraya HAKUZIYAREMYE
Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo


Madamu Claudine UWERA
Umunyamabanga


## KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA N'UBURENGANZIRA BUNGANA



**Madamu Valentine UWAMARIYA**
Umuyobozi wa Komisiyo



**Madamu Francine TUMUSHIME**
Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo



**Madamu Jeannette BAYISENGE**
Umunyamabanga

## KOMISIYO Y'UBUSABANE, IMIBEREHO MYIZA N'UBUKANGURAMBAGA BW'ABANYAMURYANGO



**Madamu Edda MUKABAGWIZA**
Umuyobozi wa Komisiyo



**Madamu Marie Goretti RAFIKI**
Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo



**Madamu Clémentine UWABABYEYI**
Umunyamabanga

## KOMISIYO Y'UBUSHAKASHATSI N'ITUMANAHO



**Madamu Angelina MUGANZA**
Umuyobozi wa Komisiyo



**Madamu Linda BIHIRE**
Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo



**Madamu Stella Ford MUGABO**
Umunyamabanga



## IHURIRO RYA 17 RYA UNITY CLUB

Tariki 16 Ugushyingo 2024, Ihuriro ngarukamwaka rya 17 rya Unity Club ryabereye muri Kigali Convention Centre (KCC). Ryari rifite Insanganyamatsiko yagiraga iti:" ***Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho kwacu", aho ibiganiro byagarutse ku nteruro: "Amateka n'Uruhare rw'Indangagaciro z'Umuco Nyarwanda mu kwimakaza Imyumvire n'Imitekerereze ihamye".***
Iri huriro ryitabiriwe n'abantu 487 barimo abanyamuryango ba Unity Club, abandi bayobozi mu nzego zinyuranye z'Igihugu, abahagarariye urubyiruko, amadini, abanyamakuru na sosiyete sivile.

Imirimo y'Ihuriro yatangijwe kandi iyoborwa na
Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club.



**Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame**
Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri

Mu kinyarwanda tuvuga ko nta muhanuzi iwabo, ariko kandi unabwira abe ntavunika. Turi Intwararumuri - Ni twe bahamya b'uko bishoboka koko!

Twongere duhige gukorera iki gihugu, tuzirikana ikiguzi cyo kwibura, tukibona mu ndorerwamo z'amoko n'ibindi bidutandukanya by'ibihahano. Twuzuze inshingano zacu dushyira imbere inyungu z'umuturage, dukomeze kubaka umuntu ucyeye, wuje umutimanama n'umutimamana. Ibi na byo bizabe igitekerezo-ngenga, kuko ari wo mutamenwa uzarinda ubumwe buhoraho.

*Ijambo rya Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, atangiza Ihuriro rya 17 rya Unity Club. Reba video: https://bit.ly/4hG1Wt5*

### Ishusho y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda

Muri iri huriro, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), Dr. Jean Damascène BIZIMANA, yagaragaje Ishusho y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda mu gihe tugezemo.




Minisitiri Dr. BIZIMANA yagaragaje ko n'ubwo hakiri inzitizi zikibangamiye Ubumwe, ubushakashatsi bwakozwe mu 2023 na MINUBUMWE bugaragaza ko 99% by'Abanyarwanda bemeza ko bashyize imbere Ubunyarwanda, bakanakomera ku ndangagaciro zibwimakaza

*Reba video:* https://bit.ly/4hG1Wt5

### Amateka n'Imiyoborere y'Igihugu

Abatanze ikiganiro ku Amateka n'Imiyoborere y'Igihugu cyubakiye ku bihe byaranze imiyoborere y'Igihugu cyacu mu mateka: Imiyoborere y'Igihugu mbere y'ubukoloni, mu gihe cy'ubukoloni, muri Repubulika ya mbere n'iya kabiri na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.




*Uhereye ibumoso:* Rt. Hon. *Domitilla MUKANTAGANZWA, Prof. Jean Léonard BUHIGIRO, Dr. Philbert GAKWENZIRE, Dr. Eric NDUSHABANDI*

*Reba video y'ikiganiro cyatanzwe n'abakuru:* https://bit.ly/4hDWRBF

### Imitekerereze n'Imikorere Ihamye mu Gukomeza Kubaka u Rwanda twifuza

Urubyiruko rwatanze ikiganiro ku Imitekerereze n'Imikorere Ihamye mu Gukomeza Kubaka u Rwanda twifuza, cyagarutse ku ngingo zitandukanye zirimo: Umurage (Legacy) urubyiruko rukura mu mateka y'Igihugu cyacu, Ishusho y'u Rwanda twifuza, Ishusho rusange y'uko urubyiruko rw'u Rwanda ruhagaze mu gihe tugezemo, Imitekerereze n'Imikorere y'urubyiruko mu kubaka u Rwanda, Icyo urubyiruko rwiyemeje n'icyo rusaba abakuru.




*Uhereye ibumoso: Delphine UMUHOZA, Olivier Brave NGABO, Samantha TETA, Divin UWAYO*

*Ibi biganiro byombi byari bifitanye isano yo kugaragariza urubyiruko indangagaciro zafashije abakurambere mu bihe bitandukanye: zafashije bakuru babo n'ababyeyi babo kugenda bivana mu bibazo bikomeye, kugenda bubaka iki Gihugu, bityo, urubyiruko rukaba rufite intango ihamye ruzakomerezaho.*

*Reba video y'ikiganiro cyatanzwe n'urubyiruko:* https://bit.ly/3QrQEfW

### Inkera y'Imihigo

Imirimo y'Ihuriro rya 17 rya Unity Club ryasojwe n'Umugoroba w'Inkera y'Imihigo.

Mu buryo bw'ubusizi, indirimbo n'imbyino, abanyamuryango ba Unity Club bakoze mu nganzo bahiga imbere y'Umukuru w'Igihugu, bagaragaza uko biteguye gufatanya nawe gushyira mu bikorwa Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere (NST2).



*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika agezwaho Imihigo y'Intwararumuri*

Muri iyi Nkera y'Imihigo kandi, abatumirwa basusurukijwe n'Itorero INTWARARUMURI rya Unity Club mu mbyino gakondo.



*Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, aseruka mu Itorero*



*Itorero rya Unity Club risusurutsa abitabiriye igitaramo gisoza Ihuriro rya 17 rya Unity Club Intwararumuri*



*Intwararumuri Amb. Vincent KAREGA na Hon. Moussa FAZIL mu murishyo w'ingoma*

*Reba video y'Inkera y'Imihigo:*
*https://bit.ly/4hKpRrA*






*Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, ageza ijambo ku bitabiriye Ihuriro rya 17*

Nyuma yo kwakira imihigo y'Intwararumuri, Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, akaba n'Umunyamuryango w'Icyubahiro wa Unity Club Intwararumuri, ageza ijambo ku bitabiriye Ihuriro yagarutse ku mpamvu zatumye Unity Club ibaho, mu bihe byari bikomeye, nyuma gato ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, agaragaza ko yaje igihe hari ibibazo byinshi cyane mu Gihugu, iza nk'imwe mu ngamba zikomeye zafashwe mu gushaka ibisubizo by'ibyo bibazo bikomoka ku mateka y'u Rwanda

***…"Ku byiza bimaze kugerwaho, n'abandi babona kandi batuvuga, bikwiye kudutera imbaraga zo kubirinda no kongeraho ibindi nk'ibyo ngibyo, ntabwo ari ibyo kwirara…Ni cyo gituma abantu bahora batera imbere".***

Yongeye gushishikariza buri wese, mu mwanya arimo, gukomeza gufata ingamba zo gukora icyo ashoboye mu gukomeza kubaka Igihugu cyacu mu buryo burambye, ati: "Igisigaye rero ni ugukotana, tugakomeza kubiharanira".
Ijambo rya Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda.

Reba Video: https://bit.ly/4hICOSx

## 02 URUBUGA RWA NDI UMUNYARWANDA

Mu cyerekerezo u Rwanda n'Abanyarwanda twihaye cyo gukomeza KUBA UMWE, Ndi Umunyarwanda ikatubera isano muzi iduhuza, ni umurongo mwiza tugomba kwimakaza kuko utuganisha ku mahoro arambye mu muryango nyarwanda.

Mu kiganiro ngarukakwezi kuri Ndi Umunyarwanda cyo muri Nzeri 2024, cyari gifite Insanganyamatsiko yagiraga iti: "**NDI UMUNYARWANDA MU KUBAKA AMAHORO ARAMBYE",** cyari gifite intego yo kugaragaza uruhare rwa Ndi Umunyarwanda mu kubaka amahoro arambye.




"N'ubwo amahoro ahera ku muntu ku giti cye, kugera ku mahoro arambye, bisaba uruhare rwa buri wese mu kuyubaka, kuyaharanira no kuyarinda".

***Reba Ikiganiro kirambuye:***
https://youtu.be/ttdmxbyVkos

Reba ibindi biganiro byatambutse mu Rubuga rwa Ndi Umunyarwanda kuri RBA hagati y'ukwezi kwa Nyakanga n'Ukuboza 2024:

- Ishusho y'ubumwe bw'Abanyarwanda mu bihe by' amatora: https://bit.ly/4k4cu75
- Indangagaciro na kirazira, isoko y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda. Ikiganiro kirambuye: https://bit.ly/3EK7VhY
- Umusaruro w'Ihuriro rya 17 rya Unity Club. Ikiganiro kirambuye: https://bit.ly/4gL559K
- Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda: urugero rw'Ababyeyi b'Intwaza. Ikiganiro kirambuye: https://bit.ly/4jWgF4V



## 03 NDI UMUNYARWANDA MU MASHURI MAKURU NA KAMINUZA

Kuva muri Mata 2024, Unity Club yatangije icyiciro cya kane cy'Umushinga wo Kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu rubyiruko rwo mu Mashuri Makuru na Kaminuza. Uyu mushinga ushyirwa mu bikorwa ku bufatanye na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi (MoYA), Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Rwanda Defence Force Command and Staff College (RDF-CSC) n'Ikigo cy'Ubushakashatsi n'Ubusabane bigamije Amahoro (IRDP).

### Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu mashuri makuru na kaminuza mu ngamba zo kwimakaza Ndi Umunyarwanda

Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa yatangijwe mu mashuri makuru na kaminuza 32 akanubakirwa ubushobozi mu byiciro byabanje, yatangiye ibikorwa byo gusakaza no kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu mashuri yabo ndetse no mu mashuri yisumbuye abegereye.






*Amahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu bikorwa byo kwimakaza Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza*

### Ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda byakomereje mu yandi Mashuri Makuru na Kaminuza 17 yiyongera kuri 32 yarasanzwe akorerwamo ibiganiro

Ku ikubitiro ibi biganiro byatangiriye muri Kaminuza ya Kigali (UoK), bitangizwa na Hon. Julienne UWACU, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa Kabiri wa Unity Club. Mu ijambo rye yasabye urubyiruko gukomeza kurwanya ibyonona Ubumwe bw'Abanyarwanda, rukimakaza Ndi Umunyarwanda.



“Ubwo bunyarwanda twahisemo ni umuti, ariko usharira, kubera ko harimo n’ibikomere. Bajya bavuga ngo ahagukomerekeje iyo hataguheranye haragukomeza. Nta habi habaho hari imbere haruta aho twabaye. Ubumwe bwacu tubukomereho, ntiduheranwe, dutere intambwe ijya mbere u Rwanda turwubake mu cyerekezo 2050”.

Ibiganiro byakomereje muri Seminari Nkuru ya Nyakibanda; Ishuri Rikuru ryigisha amategeko ry’i Nyanza (Institute of Legal Practice and Development-ILPD) n’Iseminari Nkuru y’i Rutongo (Grand Séminaire Propédeutique de Rutongo).

Reba amafoto: https://flic.kr/s/aHBqjBTSDk
Reba video ngufi: https://bit.ly/4i4RvPN

## 04 TUBARERE NK’UKO BATUREZE: INTWARARUMURI ZIZIHIJE IMINSI MIKURU ISOZA UMWAKA N’INTWAZA

Kwizihiza iminsi mikuru isoza umwaka ni igikorwa ngarukamwaka Abanyamuryango ba Unity Club bakorera Intwaza. Ni Ababyeyi bagizwe incike na Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 batuye mu ngo z’Impinganzima ya Huye, Nyanza, Bugesera na Rusizi. Kugeza uyu munsi ingo zose z’Impinganzima hatuyemo Ababyeyi b’Intwaza 264 (Abakecuru 238 n’Abasaza 26).

Iki gikorwa kandi kinitabirwa n’abafatanyabikorwa, kikarangwa n’ubusabane, ubutumwa butandukanye, imbyino, guhana impano...bigakora ku mutima ababyeyi ndetse n’Intwararumuri.

Ababyeyi bongeye gushimira Unity Club uburyo idahwema kubitaho, by’umwihariko baha Intumwa za Unity Club ubutumwa bw’intashyo ndetse no gushimira Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y’u Rwanda na Nyakubahwa Madame Jeannette KAGAME.





Intwaza Concessa MUKANKUSI wo mu Impinganzima ya Huye, mw’izina ry’Intwaza, mu gushima yagarutse ku buhamya bw’ubuzima bwe, aho yagize ati:

"Ku musozi nari ntuyeho ni njye jyenyine wari incike! Ariko ngeze hano nahasanze bagenzi banjye. Uwo mbajije nti ese nawe uri incike? Akansubiza ati ntabwo tukiri incike, turi Intwaza ni ryo zina twahawe n’Umubyeyi wacu Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME".

*Mu izina rya Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, bati:*

“Tuzakomeza kubashimira ubutwari mwagize mugatwaza. Abana banyu bidutera ishema, bityo tugaharanira imibereho yanyu myiza. Byose tubifashijwemo n’Igihugu cyacu”.



*Bamwe mu banyamuryango ba Unity Club n’abafatanyabikorwa bitabiriye igikorwa cyo kwizihiza iminsi mikuru isoza umwaka n’Intwaza.*




*Bamwe mu babyeyi b'Intwaza bashyikirizwa impano banishimana n'abanyamuryango ba Unity Club*

## 05 UMUSHINGA UKOMATANYIJE W'ITERAMBERE RIRAMBYE UKOMEJE KUZAMURA IMIBEREHO Y'A BATURANYI B'IMPINGANZIMA YA HUYE!

Mu rwego rwo gukomeza kwimakaza Ubumwe n'iterambere ry'abaturanyi b'Impinganzima ya Huye itujwemo Ababyeyi b'Intwaza, mu mwaka wa 2021, Unity Club yatangije Umushinga Ukomatanyije w'Iterambere Rirambye (Integrated Community Development Project - ICDP) mu Mudugudu wa Taba, Akagari ka Bukomeye, Umurenge wa Mukura mu Karere ka Huye.

**Uwo mushinga ugizwe n'ibice bitatu:**

- Kuzamura urugo rw'Impinganzima, harebwa ibyo ababyeyi bakeneye byabafasha kurushaho kugira imibereho myiza.
- Kuzana ibikorwa bihuza ababyeyi b'Intwaza n'abaturanyi babo.
- Kuzamura imibereho myiza y'Abaturanyi b'Intwaza.

Nyuma yo kubaka amazu 26 y'abaturanyi b'Impinganzima agatuzwamo imiryango irimo abantu 137, Ikigo Mbonezamikurire y'abana bato (ECD) cyakira abana barenga 150 n'isoko rifite imyanya y'ubucuruzi igera kuri 64, ubu harimo kubakwa inzu mberabyombi n'ibibuga by'imikino.





*Igishushanyo mbonera cy'Inzu mberabyombyi*



*Aho imirimo y'ubwubatsi igeze*

Unity Club mu bufatanye na MINUBUMWE batangiye imirimo yo kuvugurura inyubako zisanzwe mu rugo rw'Impinganzima ya Nyanza, no kurwagura hongerwamo inyubako 2 zifite ibyumba 20 bizakira abandi babyeyi .




*Aho imirimo yo kwagura Impinganzima ya Nyanza igeze*

## 06 UBUNYAMURYANGO BUDACYURA IGIHE MURI UNITY CLUB!

Muri Unity Club Intwararumuri, twahisemo UBUNYAMURYANGO BUDACYURA IGIHE. Intwararumuri Vénantie Tugireyezu, mu nyandiko ye ngufi yagarutse ku: **"Imvo n'imvano y'Ubunyamuryango budacyura igihe muri Unity Club".**



Umunyamuryango wa Unity Club mu buzima bwe bwose arangwa no kudacyura igihe mu nshingano z'ubuyobozi. Agomba guhorana ubushake n'icyerekezo by'umuyobozi kandi agakomeza kuba intangarugero mu gushimangira ubumwe n'ubufatanye hagati y'Abanyarwanda muri rusange no hagati y'abanyamuryango ba Unity Club by'umwihariko.

Soma inyandiko yose:
https://bit.ly/3CoISBi

## 07 IMYAKA 28 MU RUGENDO RWO KUBAKA UBUMWE

Intwarumuri Prof. Jolly MAZIMHAKA mu nyandiko ye ngufi iri mururimi rw'icyongereza: **"Reflections on Unity Club Intwararumuri: A 28-year journey of bearing the torch of Unity"**



"The road is still long, and there is a lot more to be done both to consolidate, to introduce, and even to mend, but the prospects, measured against what has been achieved in the past 28 years so far, remain promising. The decision to embrace the integration approach has served not only to celebrate champions of unity, men and women alike, but also to inspire a new generation of Rwandans ready to follow in their predecessor's footsteps. It is both hoped and desired that these will carry forward the torch of unity for years to come, in a country we all love to call our HOME".

Soma inyandiko yose:
https://bit.ly/4h2B0Dz



## 08 IBIKORWA BY'INGENZI BIRI IMBERE

Umuryango Unity Club, urangajwe imbere n'Umuyobozi Mukuru wawo, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME, urakataje mu bikorwa bituma ugera ku ntego zawo. Ibimaze kugerwaho ni byinshi ariko urugendo rurakomeje. Ni muri urwo rwego mu bihe biri imbere uyu muryango uzakomeza ibikorwa birimo:

- Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994
- Gukomeza ibiganiro byimakaza Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza
- Kuvugurura Imfashanyigisho ya Ndi Umunyarwanda mu bufatanye na MINUBUMWE, igahuzwa n'umwihariko w'icyiciro kiganirizwa
- Gukomeza ibiganiro mu Rubuga rwa Ndi Umunyarwanda kuri RBA
- Gusoza imirimo yo kuvugurura no kwagura Impinganzima ya Nyanza icyiciro cya mbere.
- Gukomeza imirimo yo kubaka inzu mberabyombi n'ibibuga by'imikino (Multipurpose hall, volleyball and Basketball playground) mu nkengero z'Impinganzima ya Huye
- Gusemura mu rurimi rw'Ikinyarwanda raporo y'ubushakashatsi bwakozwe na Unity Club mu 2023: "The Impact of the 1994 Genocide against the Tutsi on the Most affected youth in Rwanda: Analysis of the Youth's Peculiar Post-Genocide Problems and Emerging Solutions".

Umuryango Unity Club uzakomeza ubufatanye n'izindi nzego zitandukanye zirimo iza Leta n'izigenga kugirango ugere ku ntego wihaye. Ni urugendo rugikomeza kandi ruzageza Umuryango kuri byinshi.

## Turashimira Abafatanyabikorwa bacu

@UnityClubRw